Imbwa ninywera mu gikoresho cyo kunyweramo cy'umwe muri mwe, azacyoze inshuro zirindwi

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Imbwa ninywera mu gikoresho cyo kunyweramo cy'umwe muri mwe, azacyoze inshuro zirindwi." Na Muslim yaravuze ati: "Inshuro ya mbere muri zo ajye akoresha itaka."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse koza ibikoresho byo mu rugo inshuro zirindwi igihe imbwa yabirigaseho , imwe muri zo agakoresha itaka, hanyuma akaza kunyugurisha amazi nyuma yaho, bigatuma isuku yuzuye ikorwa ndetse igakuraho uwo mwanda n'ingaruka zawo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3143